Our Ref.: 292/RRA/CG/TPS/2024

Date: 14/03/2024

**ITANGAZO**

**Ishimwe ku wasabye fagitire ya EBM**

Ikigo cy'Imisoro n'Amahoro **(RRA) kiramenyesha abaguzi ba nyuma bose baciwe umusoro ku nyongeragaciro (TVA) bagahabwa fagitire ya EBM ko bazajya bahabwa ishimwe ringana na 10% ya TVA iri kuri iyo nyemezabuguzi.**

Mu gihe uguze umucuruzi akakwima fagitire ya EBM cyangwa akaguha iriho amafaranga adahwanye n'ayo wishyuye, ubimenyesha RRA kugira ngo imutegeke kuguha fagitire ya EBM ariko akanacibwa ibihano byikubye inshuro 10 (iyo ari ubwa mbere) y'umusoro uri kuri iyo fagitire. Muri icyo gihe umuguzi ahabwa amafaranga y'inyongera y'ishimwe angana na 50% y'ibyo bihano byaciwe.

Niyo mpamvu **RRA isaba buri muguzi wa nyuma kwiyandikisha mu ikoranabuhanga ryabugenewe** kugira ngo ajye ashobora kubona ingano y'ishimwe azahabwa n'uko rigenda ryiyongera iyo asabye fagitire ya EBM.

Dore uko kwiyandikisha mu ikoranabuhanga bikorwa:

1. Kuri telefoni igendanwa, kanda *800# ukurikize amabwiriza.
2. Kuri murandasi, wanyura kuri myrra.rra.gov.rw

**Icyitonderwa :**

1. Umuguzi wa nyuma agomba gusaba umucuruzi kwandika nimero ya telefoni izajya inyuzwaho ishimwe kuri fagitire ye ya EBM.
2. Umucuruzi ntiyemerewe gusaba umuguzi wa nyuma TIN cyangwa kode (Purchase Code)

Ku bindi bisobanuro mwahamagara 3004 cyangwa mukatwandikira ku mbuga nkoranyambaga zacu.

RWANDA REVENUE AUTHORITY * C.G RRA C.G P.O. BOX 3987 KIGALI

**BIZIMANA RUGANINTWALI Pascal**
**Komiseri Mukuru**